**A Ukuri kwibasiwe:**

- **Ibihe by'akarengane.**
  - — Igihe cy'akarengane cyatangajwe mu buryo butatu: "Igihe, ibihe n'igice cy'igihe" (Daniyeli 7:25; 12:7; Ibyahishuwe 12:14); Iminsi 1.260 (Ibyahishuwe 11:3; 12:6); Amezi 42 (Ibyahishuwe 11:2; 13:5). Izo mvugo zose zerekana igihe kimwe: iminsi 1.260.
  - — Tugendeye ku ihame ry'uko "umunsi ugereranya umwaka" (Ezekiyeli 4:6; Kubara 14:34), igihe cy'akarengane cyajyaga kumara imyaka 1.260 isanzwe: kuva muri 538 kugeza 1798.
  - — Nk'uko byahanuwe, Imana yateguye ahantu ho kurindira itorero ry'indahemuka: ubutayu, ni ukuvuga ahantu hadatuwe cyane (Ibyahishuwe 12:6, 14).
  - — Mu gihe cy'ingorane n'akarengane, abizera b'indahemuka bahagaze bashikamye barengera ukuri, bahungira mu rukundo no kugira neza kw'Imana (Zaburi ya 46:1–3).
- **Ubudahemuka mu karengane.**
  - — Itorero ry'i Roma rimaze kubona ububasha bwa politiki, ryatangiye gukoresha imbaraga zaryo rihatira abantu bose gukurikiza amabwiriza y'idini, kandi amenshi muri yo akaba yari agoretse.
  - — Icyongeye kuri ibyo ni ukwangirika kwari mu bayobozi b'iryo torero. Kugira ngo babuze rubanda kwigomeka ku butegetsi bwaryo, ryabakuyemo ikintu cy'ingenzi kurusha ibindi: Ijambo ry'Imana.
  - — Ariko Abantu b'indahemuka barahagurutse, kandi kubwo kuyoborwa n'inyigisho za Bibiliya kandi bagakurikiza inama zanditswe na Yuda, barwanye inkundura kugira ngo barengere ukwizera kwabo (Yuda 1:3).

**B Kurengera ukuri:**

- **Gusangiza abandi Bibiliya: Abawalidense (Abavoduwa).**
  - — Petero Walido (yabayeho mu 1140–1218), umuherwe w'umucuruzi w'Umufaransa wahaze ubutunzi bwe kugira ngo abwirize Kristo, yashinze umuryango "Abakene b'i Liyo" uzwi ku izina ry'"Abawalidense (Abavoduwa)."
  - — Ni iki cyarangaga Abawalidense (Abavoduwa)?
    - (1) Babaye ab'ikubitiro mu kugira Bibiliya mu rurimi rwabo (kugeza icyo gihe, yabonekaga gusa mu Kilatini, Urugiriki cyangwa Uruheburayo).
    - (2) Kubera ko Bibiliya cyari igitabo cyabuzanijwe, bayicapiraga mu buvumo, bihisha abambari b'Ubupapa bari barabagose.
    - (3) Buri gihe bitwazaga imigabane ya Bibiliya, kugira ngo uko babonye uburyo, bayisangize abandi, babatera ibyiringiro n'umwete mu Mana.
    - (4) Barinze ukuri kwa Bibiliya bari bazi mu binyejana byinshi. Bari bazwiho ubudahemuka n'ubwitange.
    - (5) Abo mu birorero byose, haba mu majyepfo y'u Bufaransa ndetse no mu majyaruguru y'u Butaliyani i Piyemo, barahindutse.
    - (6) Ibyo birorero hafi ya byose byasenywe n'ubupapa, abaturage babyo baratsembwa.
- **Inyenyeri y'ubugorozi: Yohana Wikilife.**
  - — Yohana Wikilife (yabayeho mu 1324–1384) yarunduriye imibereho ye yose mu guhindura Bibiliya mu Cyongereza. Ni iki cyamubashishije kubikora? Impamvu ni ebyiri: Kristo yari yaramuhinduye binyuze mu Ijambo; kandi yashakaga gusangira n'abandi urukundo rwa Kristo.
  - — Birumvikana ko ibyo byateye amakimbirane hagati ye n'Itorero ry'i Roma. Kubw'umubano we n'abayobozi bakuru mu Bwongereza, Yohana ntiyapfiriye mu maboko ya Kiliziya.
  - — Mu 1428, umubiri w'uyu mugorozi waratwitswe, ivu rye rijugunywa mu ruzi. Ivu rye ryakwirakwiriye hirya no hino ryabaye ikimenyetso cy'umurage we.
  - — Umucyo muto w'ukuri wakongejwe na Yohana Wikilife wageze muri Bohemiya, aho Yohana Husi yakiriye uwo murage. Muri ubu buryo, ukuri kwarasigasiwe kugeza mu museke w'ubugorozi. Amanywa yari atangiye gutangaza.

- **Gukomezwa no kwizera: Yohana Husi n'abandi.**
  - Nyuma ya Yohana Wikilife, havutse abandi bagorozi:
    (1) Yohana Husi (1370–1415)
    (2) Jerome (1360–1416)
    (3) Tindale (1494–1536)
    (4) Hage Latima (1490-1555)
    (5) John Huss (1370-1415)
    (6) Jerome (1360-1416)
    (7) Tyndale (1494-1536)
    (8) Hugh Latimer (1490-1555)
  - Ni iki cyabahaye ubutwari bwo gukora  ubugorozi no guhangana n'ibibazo ndetse n'urupfu?
    (1) Bizeraga amasezerano ya Kristo
    (2) Imbaraga za Kristo zari zihagije kugira ngo baneshe ibigeragezo
    (3) Baboneye ibyishimo mu kubabarana na Kristo
    (4) Ubudahemuka bwabo bwari ubuhamya bukomeye ku isi
    (5) Barebye ibirenze ibya none, batumbira ahazaza hahebuje
    (6) Bari bazi ko urupfu ari umwanzi waneshejwe
    (7) Bagundiriye amasezerano yo mu Ijambo ry'Imana
  - Yohana Husi yashyizwe mu nzu y'imbohe, amaherezo atwikirwa ku giti. Ari muri nzu y'imbohe yaranditse ati: "mbega ukuntu Imana yangiriye imbabazi, kandi ikankomeza ku buryo buhimbaje!"
  - Nk'uko amasezerano y'Imana yakomeje ubwoko bwayo mu gihe cyashize, natwe aradukomeza uyu munsi.